

# 90: Ai Mana y'ukuri, komeza ku nyobora

---

1.

Ai Mana y'ukuri, komeza kunyobora ,  
Uranshishe mu nzira yo gukora ibyo ushaka.  
Mwami kubaho ntagufite Bintera ubwoba n'amaganya  
Ndetse byabasha ku ngeza no mu rupfu vuba.

2.

Ibyiza mbona ni ibi: Kwizera umwami Yesu.  
No guhora ngendera mu nzira ye ntunganye.  
Na we yemeye kujya andinda,  
Ndetse no ku nyobora neza.  
Ampesha no kwinjira vuba mu mahoro ye.

3.

Ubu urugendo mfite ni urwo kujya mu ijuru.  
Umukiza niyo ari nanjye nkwiye kujyayo.  
Kandi umunsi nzaba ngezeyo  
Nzamuhimba zanya ibyishimo  
Nzanezezwa nuko ari we wanguze amaraso.

4.

Muri iyi si huzuye umuruho n'amahane  
Icyo nkeneye cyose simperako nkibona.  
Ariko ku munsi mu kuru  
Ubwo nzabona umucunguzi  
Niringiye kuzabona ingororano yanjye.

5.

Mu ijuru sinzabona abanzi banjye ukundi,  
Nta n'icyo nzahabura mu ijuru ry'amahoro.  
Nzashima Imana mvuza impundu  
Nti Haleluya, haleluya!  
Nzarambura amaboko mpimbaze umwami Yesu.

Visit us at [indirimbo.com](http://indirimbo.com)